REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'IBANZE RWA
**KAMEMBE**

## ICYEMEZO CY'UMUCAMANZA GITEGEKA UREGWA WATOROTSE CYANGWA WIHISHE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

Umwaka wa 2022, ukwezi kwa 12, umunsi wa 01;

TWEBWE TUYISABE Esther Umucamanza mu Rukiko rw'Ibanze rwa Kamembe, dufashijwe na NSHIMIYIMANA Theophile Umwanditsi Mukuru muri urwo Rukiko;

TUMAZE kubona ko mu iburanisha ryo kuwa 01/12/2022 byagaragaye ko Ubushinjacyaha bwareze NDAGIJIMANA Valens na MAKUZA Jean Baptiste murubanza RP 00246/2022/TB/KMB nk'abatorotse ubutabera,

DUSHINGIYE ku ngingo ya 160 y'itegeko № 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha igena uburyo ukurikiranywe wihishe cyangwa watorotse ubutabera waregewe urukiko ahamagazwa;

DUTEGETSE NDAGIJIMANA Valens **mwene** Kaziguzi na Mukamugema wavutse 01/01/1994 atuye mu mudugudu wa Bigando mu kagari ka Gatare mu murenge wa Nyakarenzo mu karere ka Rusizi mu ntara y'iburengerazuba mu gihugu cy'u Rwanda,akurikiranywe adafunze.

DUTEGETSE **mwene mwene** Kaziguzi na Mukamugema wavutse 01/01/1990 atuye mu mudugudu wa Bigando mu kagari ka Gatare mu murenge wa Nyakarenzo mu karere ka Rusizi mu ntara y'iburengerazuba mu gihugu cy'u Rwanda,akurikiranywe adafunze

Bategetswe kwitaba Urukiko rw'Ibanze rwa Kamembe kuwa **5/01/2023 saa mbiri za mugitondo (08H00')** ku cyicaro cyarwo kugira ngo aburane urubanza RP 00246/2022/TB/KMB aregwamo n'Ubushinjacyaha icyaha cyo **gukubita cyango gukomeretsa kubushake** giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 121 y'itegeko №68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe kugeza ubu.

RUTEGETSE kandi ko icyi cyemezo kimanikwa ku muryango w'uru Rukiko rw'Ibanze rwa Kamembe kikanatangazwa mu kinyamakuru kitwa IGIHE.

Ni uko icyi cyemezo gifashwe mu mwaka, ukwezi n'umunsi bwavuzwe haruguru.

| | |
|---|---|
| *Umucamanza:* | *Umwanditse:* |
| ***TUYISABE Esther*** | ***NSHIMIYIMANA Theophile*** |